# NDAGANA KU NTEGO

(TOWARD THE GOAL)




Igitabo cy'Abana

## ITIKE YA ZAHABU

AMBASSADORS
FOOTBALL

**Muraho, amakuru ki!**

**Nitwa Futi.**

**Ikaze ku gitabo...**

# NDAGANA KU NTEGO

**Dore aho urasanga buri kintu cyose...**


Inkuru y'umupira w'amaguru rwa **2**
Inkuru ya Bibiliya rwa **5**
Guhuza inkuru rwa **9**
Inyigisho zo kwibandaho rwa **10**
Imirongo yo gufata mu mutwe inyuma y'urupapuro


**Nizeye ko kirakuryohera!**




© **2025 Ambassadors Football. Itegeko rirengera ibihangano.**


Umuryango wa Ambassadors Football ni wo wanditse igitabo kitwa "Ndagana ku Ntego" kizifashishwa n'abantu bose ku isi hose ku buntu.Wemerewe gusangiza abandi bantu iki gitabo uko kiri ariko utakiyitirira. Ntugomba kugurisha iki gitabo kitwa "Ndagana ku Ntego" mu buryo ubwo ari bwo bwose cyangwa ngo ugishyire mu bindi bintu bigurishwa,cyangwa bitangwa. Igitabo "Ndagana ku Ntego kigomba gukoreshwa uko kiri. Nta muntu wemerewe kugabanya cyangwa kongera ibigikubiyemo, mu buryo ubwo ari bwo bwose.


Inyandiko zigize igitabo cya "Ndagana ku Ntego" ziboneka mu bubiko bw'ikoranabuhanga zikubiyemo inyandiko zo gukoresha mu myitozo ku bantu bashaka gutangira gahunda zabo bwite z'ibikorwa by' umupira w'amaguru. Dusure ku rubuga rwa www.afgol.org. Niba ufite ibibazo cyangwa ukeneye ubufasha,watwandikira ku rubuga rwa **ttg@ambassadorsfootball.org**

Dusure ku rubuga rwacu ari rwo **www.ambassadorsfootball.org** kugira ngo umenye byinshi birebana n'ibikorwa byacu bijyanye n'umupira w'amaguru ku rwego rw'isi.



AMBASSADORS FOOTBALL

# ITIKE YA ZAHABU



Igikombe cy'Isi cyageze i Sokatawuni! Abafana bavuye ku isi hose buzuye imihanda. Inzozi za Futi n'inshuti ze zibaye impamo.

Buri mugoroba, bakinira ku mihanda kandi n'abana bo mu bihugu bitandukanye baje gukina nabo! Umwe muri bo yitwa Gorobu.Ni munini, arakomeye kandi buri gihe aba ashaka gutera amahane.Nta muntu ukunda gukinana na Gorobu!



Nuko Jero ahamagara Futi. Jero ni umwe mu bakinnyi babigize umwuga mu mugi, akaba n'umwana wa nyiri sitade! Yahaye Futi itike ya zahabu n’ikicaro muri sitade kugira ngo arebe Umukino wa Nyuma w'Igikombe cy'Isi! Futi biramutangaza!

Jero aramwenyura, "Data niwe nyiri sitade kandi hari amatike amwe y'ubuntu nfite shobora guha uwo nshaka wese!" Yitegereza uburyo Gorobu arimo guhutaza undi mwana.

Nuko Futi aramubwira ati, “Abakinnyi beza ntibagaragarira ku kibuga gusa, ahubwo banagaragarira mu gufata neza abandi bantu ndetse n'ababangamira… Uraza kubona icyo nshaka kuvuga."




Ni igihe cyo gutangira umukino. Abantu benshi bari mu byicaro byabo-Futi ari kuza yiruka, yakererewe gato kuko yari yananiwe guhitamo ibara ry'umwenda wo kwambara!


Ageze ku marembo ya sitade, yumva ijwi ry'umuntu uniha…

Ni Gorobu! Amerewe nabi. Agatsiko k'abana bakuru cyane bamukiniye nabi. Ubu aryamye mu muhanda afite inguma ku kagombambari no ku mutwe.



Umukinnyi ukuze w'icyamamare amunyuraho, arigendera ajya kogeza umupira." Gorobu araniha, aramubwira ati," Mfasha…" Undi aramusubiza ati," Ibyo ntibindeba, mwana", nuko arigendera. Hanyuma yaho, ushinzwe umutekano na we arahanyura. Gorobu arambura ukuboko kwe aramubwira ati,"Ndakwinginze mfasha…" Ushinzwe umutekano akambya impanga. Aramubwira ati," Ntiwagombaga kuba ari wowe utangiza amahane."


Futi arongera areba itike ye. Niko kwivugisha ati, "Uyu ni umwe mu mikino ikomeye cyane! Ariko Gorobu yakomeretse…"



…Futi ariruhutsa nuko aravuga ati, "Ihangane Gorobu, reka ngufashe." Yereka itike ye umukozi wari uri ku marembo ya sitade, nuko ashobora kujyana Gorobu muri sitade. Gorobu araremereye, byatwaye Futi igihe kugira ngo amugeze kwa muganga.


Yumvaga abantu benshi baganira ku mukino-ugaragara nk'umukino ukomeye! Ushinzwe abarwayi areba Gorobu na Futi niko kuvuga ati, "Uretse kureba umukino wa nyuma kubera uyu muhungu? Namubonye kare agusunika…"

Futi aramusubiza ati, "Yego, nibyo ariko akeneye gufashwa…" Gorobu ashimira Futi ati, “Urakoze F-Futi…" Ushinzwe abarwayi nawe aramwenyura, niko kuvuga ati, “Futi, ee?"




Nyuma gato, akagombambari ka Gorobu baragapfuka. Nuko Futi yumva ijwi rimuhamagara riti: "Futi, ese ntushobora kuza ahari kubera inama?" Ni iki kibaye?

Umwe mu barinda sitada ajyana Futi ahongaho anatangazwa no kubona Bwana Gaba n'umuhungu we, Jero, bari bamutegereje! Bwana Gaba niwe nyiri sitade akaba n’umunyacyubahiro ukomeye cyane kurusha abandi bose muri Sokatawuni.



Bwana Gaba amubonye aramwenyura, "Twunvise ibyo wakoze, waretse itike yawe kugira ngo ufashe umuntu utanagukunda."

Ahereza Futi indi tike nshya. "Ngwino tujyane." Iyo tike imuhesha kwicara mu myanya y’icyubahiro!



Futi abona amahirwe yo kureba igice gisigaye cy'umukino yicaye ahantu areba neza umukino kandi afite n'ibiryo byiza!

Nuko Jero nawe aramubwira ati, "Futi, werekanye umutima w'umukinnyi w’indashyikirwa.Unteye ishema." Igice cya kabiri cy'umukino kiri hafi gutangira. Ni umukino uhebuje indi yose Futi yarebye!

# UMUSAMARIYA MWIZA




Umunsi umwe umwigishamategeko yasanze Yesu aramubaza ati, “Mwigisha, nkore nte kugira ngo ndagwe ubugingo buhoraho?” Na we amubaza icyo amategeko-ijambo ry’Imana-bivuga.

Aramusubiza ati “Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose, n'ubugingo bwawe bwose, n'imbaraga zawe zose, n'ubwenge bwawe bwose, kandi ukunde na mugenzi wawe nk'uko wikunda.” Yesu amubwira ko amushubije neza. Ariko uwo ashatse kwigira shyashya abaza Yesu ati “Harya mugenzi wanjye ni inde?” Yumvaga Yesu aza kumusubiza ko mugenzi we ari umuryango cyangwa inshuti. Ahubwo, Yesu amucira umugani utangaje…




Hariho umuntu wavaga i Yerusalemu ajya i Yeriko.Iyi nzira yari mbi, igoronzoye,inyura ahantu hari ibitare by'amabuye aho abajura bakundaga kwihisha. Uwo muntu ari kugenda baramufata!

Amabandi aramukubita cyane, aramwambura, amusiga aryamye mu muhanda yakomeretse cyane!




Hashize umwanya, hanyura umutambyi. Abatambyi bakoraga mu rusengero kandi bari bazi neza amategeko y'Imana. Mu by'ukuri yashoboraga gutanga ubufasha! Ariko umutambyi abonye uwo muntu wakomeretse anyura ku rundi ruhande rw'inzira arigendera.

Hanyura n'Umulewi, nawe yari undi muntu wihaye Imana. Kandi nawe yari azi neza amategeko y'Imana. Ariko nawe yanyuze ku rundi ruhande rw'inzira arigendera! Birashoboka ko yari ahuze cyane, cyangwa se afite ubwoba. Ariko muri ibyo byombi, yasize uwo muntu aryamye aho ngaho.



Hanyuma, haza kuza Umusamariya mwiza.

Abasamariya n'Abayuda ntabwo bumvikanaga na gato. Bari abanzi! Mu by'ukuri, Umusamariya nawe yashoboraga kwirengagiza uwo muntu…Oya! Ntiyashoboraga gusiga uwo muntu wakomeretse aho.
Yarapfukamye, yoza inguma ze akoresheje amavuta na vino, hanyuma arazipfuka.



Nuko amushyira ku ndogobe ye, amujyana mu icumbi ry'abashyitsi, aramurwaza.


Bukeye bwaho, uwo Musamariya aha amafaranga nyir'icumbi nuko aramubwira ati, “Umurwaze kandi ibyo uzatanga byose birenze ku byo ngusigiye, nzabikwishyura ngarutse.”

Iyi yari ineza itangaje! Umusamariya ntabwo yahagaze ngo atange ubufasha gusa, ahubwo yagiye no kureba ko uwo muntu yari arwajwe neza!




Nuko Yesu abaza umwigishamategeko ati, “Noneho utekereza ute? Muri abo batatu ni nde wabaye mugenzi w'uwo muntu wari wakomeretse?”
Undi aramusubiza ati, “Ni uwamugiriye imbabazi.”

Yesu aramubwira ati “Genda nawe ugire utyo.”



Kimwe n'uyu mwigishamategeko, abantu benshi batekereza ko kujya mu ijuru ari ugukora ibintu byiza ku buryo buhagie. Batekereza ko niba tugira neza bihagije, tugafasha abandi bantu bihagije, cyangwa tugakurikiza amategeko bihagije, ko ari byo bituma twemerwa n’Imana. Ariko ukuri ni uko nta muntu n'umwe ushobora guheshwa ubugingo no 'kugira neza bihagaije.'

Ntabwo dukundisha Uwiteka Imana umutima wacu wose, n'ubugingo bwacu bwose, n'imbaraga zacu zose, n'ubwenge bwacu bwose, kandi nta nubwo dukunda bagenzi bacu nk'uko twikunda! Tumeze nk’uwo muntu ufite inguma uvugwa muri iyi nkuru: twarazimiye, turakomereka, kandi ntidushobora kwikiza ubwacu…



…Ariko Yesu ni nk'Umusamariya mwiza. Nubwo turi abanyabyaha, tukaba abanzi be muri kamere yacu-Yaradukunze cyane bituma yitanga kugira ngo adukize!

Yatanze ikiguzi ku bw'ibyaha byacu kugira ngo tubabarirwe kandi anatugira abakiranutsi imbere y'Imana iyo tumwizeye!

Kubera ko Yesu yatweretse urukundo rutangaje nk'urwo, aduhamagarira no gukunda abandi-ndetse n'abantu tutumvikana nabo cyangwa batandukanye natwe.

Kuba mugenzi w'undi ntabwo ari ugufasha abo tuzi gusa kandi dukunda, ahubwo ni ukugaragaza ubugwaneza ndetse no kwita kuri buri wese ubikeneye.

Icyo ni igisobanuro cyo gukunda mugenzi wacu mu buryo Yesu yadukunze.

# GUHUZA INKURU

## Mbese ushobora guhuza inkuru ya Bibiliya n'inkuru y'umupira w'amaguru?

| INKURU Y'UMUPIRA W'AMAGURU | INKURU YA BIBILIYA |
|---|---|
| 1 Gorobu, umwe mu bana b'abashyitsi yakomeretse cyane. | Umusamariya arahagarara kugira ngo afashe umugenzi, n'ubwo yari umwanzi w'Abayisiraheli. |
| 2 Umukinnyi w'icyamamare yirengagiza Gorobu, arigendera. | Yesu yashimye urugero rw'Umusamariya kandi adushishikariza kuba nka we. |
| 3 Ushinzwe umutekano yanga gufasha Gorobu, nawe amunyuraho arigendera. | Umugenzi yarakubiswe nuko asigara ari intere-yenda gupfa. 1 |
| 4 Futi afasha Gorobu, nubwo Gorobu atamukundaga. | Umulewi na we yirengagiza uwo muntu wari ufite inguma, ahitamo gukikira inzira, aragenda. |
| 5 Futi areka amahirwe ye yo kureba umukino kugira ngo ageze Gorobu kwa muganga. | Umusamariya yatanze amafaranga ye n'umwanya we kugira ngo arwaze uwo muntu wari ufite inguma. |
| 6 Kutikunda kwa Futi kwabonywe na Bwana Gaba ndetse na Jero, kandi ineza ye yatumye yubahwa! | Umutambyi yaciye ku rundi ruhande rw'inzira kugira ngo atareba umuntu wari ufite inguma. |





# INYIGISHO YO KWIBANDAHO YA 1
# MUGENZI WANJYE NI NDE?

## KWISHYUSHYA

- *Mu nkuru y'umupira w'amagauru ni nde watambutse iruhande rwa Gorobu wari wakomeretse ntamufashe?*
- *Mu nkuru ya Yesu, ni bande birengagije umugenzi wari ufite inguma?*

## IKIGANIRO K'IKIPE

Gerageza kuvuga inkuru y'umupira w'amaguru mu munota umwe. Gerageza unavuge inkuru yo muri Bibiliya ukoresheje icyo gihe!

Ni irihe funguro ryoroheje ukunda cyane kurusha ayandi? Ni inde utakwifuza ko murisangira? Biroroshye kugirira neza inshuti zacu ndetse n'abantu dukunda, ariko biragoye kugirira neza abo tubona ko batubangamiye. Yesu yavuze ko nabo ari bagenzi bacu!

## IMYITOZO - UMURONGO WO GUFATA MU MUTWE

**Mariko 12:31b (Bibiliya yera) '...ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda.'**

# UMUKINO UGARAGAZA UMUGAMBI W'IMANA

**1**

Akenshi abantu bagira ibibatandukanya. Ariko Imana ntirobanura ku butoni. Umuntu wese afite agaciro imbere yayo.

**SOMA 1 Samweli 16:7b (Bibiliya yera)** 'Uwiteka ntareba nk'uko abantu bareba. Abantu bareba ubwiza bugaragara, ariko Uwiteka we areba mu mutima.'

*Ni gute dushobora kwiga kureba abantu uko Imana ibareba?*

**2**

Yesu yabisobanuye neza ko 'mugenzi' wacu ari umuntu wese ukeneye ubufasha kabone nubwo yaba atandukanye natwe.

**SOMA Luka 10:36, 37b (Bibiliya yera)** 'Noneho utekereza ute? Muri abo batatu ni nde wabaye mugenzi w'uwo muntu waguye mu gico cy'abambuzi? … Ni uwamugiriye imbabazi.'

*Kuki Yesu yahisemo Umusamariya ngo abe mugenzi w'ukuri w'umuntu wari ufite inguma mu nkuru?*

**3**

Urukundo ruruta amagambo-rusaba ibikorwa.

**SOMA 1 Yohana 3:18 (Bibiliya yera)** Bana bato, twe gukundana urumamo mu magambo cyangwa ku rurimi, ahubwo dukundane mu byo dukora no mu by'ukuri.

*Ni ubuhe buryo bumwe wakoresha ugashyira amagambo mu bikorwa muri iki cyumweru?*

✓

***Funga amaso yawe. Tekereza umuntu bikugoye gukunda. Mutekereze yicaye wenyine kandi ababaye. Noneho tekereza uri kumufasha aho kumusiga ukigendera. Ibyo ni byo Yesu aduhamagarira gukora-gukunda mugenzi wacu no kugaragariza urukundo abatuzengurutse.***

# GUSHYIRA MU BIKORWA

**SENGA:** Saba Imana igufashe kubona abantu nk'uko ibabona inagufashe gukunda ndetse n'abo ubona ko bigoye gukunda.

**KORA:** Shaka umwanya muri iki cyumweru ufashe umuntu mudasanzwe mwunvikana.

**BWIRA:** Bwira inshuti yawe ko Yesu yavuze ko buri wese ari mugenzi wacu.




# INYIGISHO YO KWIBANDAHO YA 2
# IKIGUZI CY'IMPUHWE/IMBABAZI

## KWISHYUSHYA

- *Ni iki Futi yaretse kugira ngo afashe Gorobu?*
- *Ni gute Umusamariya yitaye ku muntu wari wakomeretse?*
- *Kuki rimwe na rimwe bigoye kugira ibyo tureka kugira ngo dufashe abandi?*

## IKIGANIRO K'IKIPE

*Mbese ushobora gutekereza igihe umuntu yagusangije ikintu, nubwo byamusabye ikiguzi? Wenda icyo kintu cyaba ari igihe, amafaranga, igikinisho, ibiryo, cyangwa ikindi kintu.*

*Wumvise umeze ute ku bw'ibyo?*

## IMYITOZO - UMURONGO WO GUFATA MU MUTWE

**Yohana 15:13 (Bibiliya yera) Nta wufite urukundo ruruta urw'umuntu upfira incuti ze.**

# UMUKINO UGARAGAZA UMUGAMBI W'IMANA

1

Futi yaretse itike ye ya zahabu n'Umusamariya yigomwa igihe cye ndetse n'amafaranga. Urukundo ntabwo ari amarangamutima - rusaba kwitanga. Ni uko Yesu yatugaragarije urukundo.

**SOMA 1 Yohana 3:16 (Bibiliya yera)** Iki ni cyo kitumenyesha urukundo icyo ari cyo: Yesu yatanze ubugingo bwe ku bwacu.

ℹ ***Kuki urukundo nyakuri rugaragara neza iyo rudusaba kugira icyo dutanga?***

2

Iyo twita ku bandi, bishaka kuvuga gushyira ibyo bakeneye imbere y'ibyacu.

**SOMA Abafilipi 2:3-4 (Bibiliya yera)** Mwicishe bugufi mu mitima, umuntu wese yibwire ko mugenzi we amuruta. Umuntu wese muri mwe areke kwizirikana ubwe gusa, ahubwo azirikane n'abandi.

ℹ ***Ku bwawe, gutekereza ko mugenzi wawe akuruta cy angwa kumuzirikana bisobanuye iki?***

3

Mungu anaona kila tendo la upendo kwa wengine - hata yale madogo!

**SOMA Matayo 10:42 (Bibiliya yera)** "Kandi uzanywesha umwe muri aba bato ku gacuma k'amazi akonje gusa, kuko ari umwigishwa wanjye, ndababwira ukuri yuko atazabura ingororano ye."

ℹ ***Mbese ni ikihe gikorwa gito cy'urukundo wakora muri iki cyumweru cyasobanura byinshi ku wundi muntu?***

✓

***Funga amaso yawe. Tekereza ufashe ikintu ukunda by'ukuri -wenda ni ibiryo, igikinisho, cyangwa itike idasanzwe. Noneho tekereza ukiretse kugira ngo umuntu runaka abone icyo akeneye. Ibyo bintu birakomeye, si byo? Ariko urukundo rumeze gutyo. Urukundo rusaba ikiguzi-na Yesu yatugaragarije urukundo ruhebuje byose.***

# GUSHYIRA MU BIKORWA

**SENGA:** Shimira Yesu ku bwo gutanga ubugingo bwe ku bwawe, kandi unamusabe agufashe kugira ubuntu.

**KORA:** Sangira n'abandi muri iki cyumweru ikintu kidasanzwe kuri wowe.

**BWIRA:** Bwira inshuti yawe ko urukundo atari amagambo - rugaragarira mu byo dutanga no mu byo dukora.



# INYIGISHO YO KWIBANDAHO YA 3
# YESU, UMUSAMARIYA WACU MWIZA

## KWISHYUSHYA

- *Mbese ushobora kwibuka aho umugenzi mu nkuru ya Yesu yavaga n'aho yajyaga?*
- *Ni irihe tungo Umusamariya yari afite?*
- *Mbese ushobora gusobanura icyaha icyo ari cyo? Icyaha ni ikintu cyose dutekereza, tuvuga, cyangwa dukora kitari mu nzira y'Imana.*

## IKIGANIRO CY'IKIPE

Tekereza umuntu uri kurohama mu mazi. Mbese ashobora kwikiza? Oya! Akeneye umuntu wo kumutabara.

Fata umunota umwe utekereze ibintu byinshi bishoboka, ushobora gukora utabara umuntu.

## IMYITOZO - UMURONGO WO GUFATA MU MUTWE

**Abaroma 5:8 (Bibiliya yera) Ariko Imana yatugaragarije urukundo muri ubu buryo: Igihe twari tukiri abanyabyaha, Kristo yaradupfiriye.**

# UMUKINO UGARAGAZA UMUGAMBI W'IMANA

1

Nka wa muntu wari uryamye mu nzira, natwe ntidufite uwo kudufasha kubera icyaha. Ntidushobora kwifasha ubwacu.

**SOMA Abefeso 2:1 (Bibiliya yera)** Igihe mwari mupfuye muzize kutumvira n'ibyaha byanyu byinshi.

***Mbese utekereza ko 'gupfa' mu buryo bw'umwuka bishaka kuvuga iki?***

2

Umusamariya yafashije umuntu ubusanzwe wakabaye umwanzi we. Yesu yakoze ibirenze ibyo-yatanze ubuzima bwe kubwacu mu gihe twari tukiri abanzi b'Imana.

**SOMA Abaroma 5:10b (Bibiliya Yera)** ...Twunzwe n'Imana ku bw'urupfu rw'Umwana wayo wadupfiriye tukiri abanzi bayo...

***Wumva ute kumenya ko Yesu yadukunze mu gihe twari abanzi be?***

3

Urupfu rwa Yesu rwadukinguriye irembo ryo kuba inshuti z'Imana...

**SOMA 1 Petero 2:24 (Bibiliya yera)** Ubwe yikoreye ibyaha byacu mu mubiri we abibambanwa ku giti kugira ngo dupfe ku byaha duhereko tubeho ku gukiranuka. Imibyimba ye niyo yabakijije.

Yesu yikoreye ibyaha byacu kugira ngo tuve mu 'rupfu rw'icyaha' 'dupfe ku cyaha'. Yesu yatuzaniye imbabazi n'ubugingo!

✓

***Funga amaso yawe. Tekereza uryamye mu muhanda, wakomeretse kandi udashobora guhaguruka. Buri wese yigendera akagusiga aho. Noneho tekereza Yesu aza agusanga. Agapfukama, akaguhagurutsa hanyuma akakujyana ahantu hatekanye. Ibyo ni byo yakoze ku musaraba-yafashe ibyaha byacu n'igihano cyacu kugira ngo tubabarirwe. Niba utari wizera Yesu, ushobora kubikora uyu munsi-mubwire ko ubabajwe n' ibyaha byawe, umushimire kubwo kugupfira, kandi umusabe akubere Umukiza.***

# GUSHYIRA MU BIKORWA

**SENGA:** Shimira Yesu ku bwo ku gukiza ibyaha akaguha ubugingo bushya.

**KORA:** Garagariza urukukundo rwa Kristo umuntu utari ubyiteze muri iki cyumweru.

**BWIRA:** Bwira inshuti yawe ko Yesu yaje kudukiza mu gihe tutari kwikiza ubwacu.




# INYIGISHO YO KWIBANDAHO YA 4
# GENDA NAWE UKORE UTYO

## KWISHYUSHYA

- *Mbese Futi yubashywe ate nyuma yo gufasha Gorobu?*
- *Ni nde Yesu yabwiye iyi nkuru?*

## IKIGANIRO CY'IKIPE

Ni ikihe kintu cyiza cyane kurusha ibindi umuntu yagukoreye? Cyatumye wumva umeze ute?

Ni ikihe kintu cyiza cyane kurusha ibindi wakoreye umuntu? Yagushimiye gute?

## IMYITOZO - UMURONGO WO GUFATA MU MUTWE

**Abefeso 4:32 (Bibiliya yera) Mugirirane neza, mugirirane imbabazi, mubabarirane ibyaha nk'uko Imana yababababariye muri Kristo.**

# UMUKINO UGARAGAZA UMUGAMBI W'IMANA

**1**

Yesu ntabwo yigishije urukundo gusa-yarubayemo ararugaragaza! Yogeje intumwa ze ibirenge, akiza abarwayi, ababarira abanzi be, atanga n'ubugingo bwe. Turahamagarirwa kugera ikirenge mu cye.

**SOMA Yohana 13:15 (Bibiliya yera)** "Mbahaye ikitegererezo, kugira ngo mukore nk'uko mbakoreye."

***Ni ubuhe buryo Yesu yagaragajemo urukundo dushobora kwigana?***

**2**

Biroroshye kugirira neza inshuti, ariko se gukora gutyo ku bandi bantu batari inshuti biroroshye?

**SOMA Luka 6:27-28 (Bibiliya yera)** "Ariko ndababwira mwebwe abumva, mukunde abanzi banyu, mugirire neza ababanga, mwifurize neza ababavuma, musabire ababangiriza..."

***Kuki bikomeye cyane gukunda abantu batadukunda?***

**3**

Mu nkuru y'umupira w'amaguru, Futi yubashywe kubwo gufasha Gorobu. Iyo dukunze abandi, tugakora imirimo myiza, Imana ihabwa icyubahiro!

**SOMA Matayo 5:16 (Bibiliya yera)** "Abe ariko umucyo wanyu ubonekera imbere y'abantu, kugira ngo babone imirimo yanyu myiza bahereko bahimbaze So wo mu ijuru."

***Kuki utekereza ko ineza ya Kristo yerekeza abantu ku Mana?***

✓

***Funga amaso yawe. Tekereza ufashe itoroshi mu cyumba kirimo umwijima. Iyo uyicanye, umwijima urahunga. Ibyo ni byo biba iyo tubana n'urukundo rwa Yesu-ineza yacu imurikira umucyo we mu isi y'umwijima. Niba waramenye Yesu, musabe agufashe kumurika neza muri iki yumweru. Niba utaramumenya, uyu munsi ni umunsi wo kumwizera, kugira ngo umucyo we umurikire muri wowe nawe.***

# GUSHYIRA MU BIKORWA

**SENGA:** Saba Imana igufashe gukunda abantu nka Yesu, ndetse n'igihe bikomeye.

**KORA:** Hitamo umuntu umwe muri iki cyumweru - wenda umuntu mudasanzwe mwunvikana-hanyuma umukorere ikintu kiza.

**BWIRA:** Bwira inshuti yawe ko dushobora gukunda abanzi bacu kuko Yesu yabanje kudukunda.

# UMURONGO WO GUFATA MU MUTWE

Reba niba ushobora kwiga uyu murongo!

**Mariko 12: 31b** **'...ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda.'**

**Abaroma 5:8** **Ariko Imana yerekanye urukundo rwayo idukunda, ubwo Kristo yadupfiraga tukiri abanyabyaha.**

# IBINTU BY'INGENZI BIKUBIYE MU ISOMO

- Buri muntu wese ni mugenzi wanjye! Imana iduhamagarira gukunda abantu bose, si inshuti zacu gusa.
- Urukundo nyakuri rusaba ikiguzi- kugira impuhwe mu by'ukuri bishatse kuvuga gushyira abandi imbere yacu.
- Yesu ni Umusamariya wacu wuzuye imbabazi. Ntidushobora kwikiza icyaha, ariko yadukijije apfa mu mwanya wacu.
- Duhamagarirwa gukunda nka Yesu. Garagaza ineza, ndetse no ku bantu bigoye gukunda.
- Urukundo rwacu rwerekana umucyo we. Iyo tubaho mu buryo butandukanye n'ubw'abandi, abantu babonera Yesu muri twe.